Repubulika y'u Rwanda
Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu

Unity Club
*"Towards a common goal"*

# RAPORO Y'IHURIRO RYA 18 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

## Insanganyamatsiko:

## "NDI UMUNYARWANDA: IGITEKEREZO NGENGA CY'UKUBAHO KWACU"

Intare Conference Arena, 07-08 Ugushyingo 2025

# Ishakiro

ISHAKIRO....................................................2
I. IRIBURIRO....................................................3
II. INTEGO Z'IHURIRO....................................................3
III. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO.................................................... 4
III.1. IBIGANIRO MU IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA MU TURERE.................................................... 4
III.2. IHURIRO RYA 18 RYA UNITY CLUB.................................................... 6
III. 2.1. INAMA Y'INTEKO RUSANGE.................................................... 6
III.2.2. IHURIRO RYAGUTSE....................................................7
III.2.2.1. GUTANGIZA IHURIRO.................................................... 8
III.2.2.2. IKIGANIRO MBWIRWARUHAME KU ISHUSHO RUSANGE Y'UBUMWE N'UBUDAHERANWA MU GIHUGU.............................. 11
III.2.2.3. IKIGANIRO NYUNGURANABITEKEREZO CY'ABAKURU: AMATEKA N'IMIYOBORERE Y'IGIHUGU....................................14
III.2.2.4. KUNGURANA IBITEKEREZO....................................................22
III.2.2.5. IBYEMEZO NGIRO BY'IHURIRO RYA 18 RYA UNITY CLUB...........26
III.2.2.6. IGITARAMO....................................................28

IMIGEREKA....................................................32
1. Ijambo ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club....................................33
2. Ikiganiro Mbwirwaruhame cya Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu: Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025....................................42
3. Gahunda y'Ishyirwamubikorwa ry'Ibyemezongiro..............................87

## I. IRIBURIRO

Buri mwaka, Umuryango Unity Club Intwararumuri mu bufatanye na Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE) bategura Ihuriro nk' urubuga rwo kuganira ku rugendo rw'Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Abagize Ihuriro barebera hamwe ibyagezweho, inzitizi zikigaragara, hagafatwa ingamba zo kuzikemura.

Uyu mwaka 2025, Ihuriro rya 18 ryagarutse ku nsanganyamatsiko igira iti:" Ndi ***Umunyarwanda: Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho Kwacu".*** Ni insanganyamatsiko imaze igihe kuko yibanzweho mu mahuriro 7 akurikirana, ikangurira Abanyarwanda bose, abakuru n'abato kumva ko Ndi Umunyarwanda atari imvugo gusa, ahubwo ko ikwiye kuba ubuzima bwa buri munsi bw'Umunyarwanda, ikaranga imitekerereze, imigirire n'imibanire ye n'abandi.

Ibiganiro by'Ihuriro rya 18 byagarutse by'umwihariko ku byavuye mu bushakashatsi ku ***"Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025",*** rihuza ibyagaragajwe n'ubushakashatsi n'ibigaragara mu mibereho n'imibanire y'Abanyarwanda. Nk'uko bisanzwe Ihuriro risoza hafashwe ibyemezo ngiro bikubiyemo ingamba zo gukomeza kwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

## II. INTEGO Z'IHURIRO

### Intego rusange

Gukomeza kwimakaza umuco w'ibiganiro byubaka kandi bishimangira Ubumwe bw'Abanyarwanda, Ndi Umunyarwanda igakomeza kuba Igitekerezo ngenga cy'Ukubaho kwacu.

**Intego zihariye**

- Kumurika ubushakashatsi ku gipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025
- Gusuzuma uko Ubumwe, Ubwiyunge n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda buhagaze muri iki gihe
- Kwibukiranya amahitamo y'u Rwanda, ibyagezweho, inzitizi n'ingamba
- Gukangurira urubyiruko kwakira no gukomeza umurage w'ubudaheranwa.

## III. IMIGENDEKERE Y'IHURIRO RYA 18

Ihuriro rya 18 rya Unity Club Intwararumuri ryabanjirijwe n'ibiganiro byabereye mu Mahuriro y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Turere twose mu kwezi k'Ukwakira kwahariwe kuzirikana Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

### III.1. IBIGANIRO MU IHURIRO RY'UBUMWE N'UBUDAHERANWA MU TURERE

Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa ni urubuga rw'ibiganiro rwashyizweho mu mwaka wa 2018, rugahuza abayobozi (abari mu nshingano n'abatakiri mu nshingano) ndetse n'abavuga rikumvikana mu rugendo rwo guteza imbere Ubumwe, Ubwiyunge n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda. Uru rubuga rutanga umwanya wo kungurana ibitekerezo ku bikeneye kongerwamo imbaraga mu rugendo rwo kwimakaza Umuco w'Amahoro, Ubumwe, Imibanire myiza n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda.

Mu kwezi k'Ukwakira 2025 kwahariwe Ubumwe n'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda, MINUBUMWE yateguye ibiganiro mu Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Turere twose. Ni ibiganiro byahawe umwihariko wo gusesengura imiterere y'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu gihe tugezemo, hibandwa ku mwihariko wa buri gace n'amateka y'Igihugu muri rusange. Abanyamuryango ba Unity Club Intwararumuri bagize uruhare muri ibi biganiro mu Turere twa Muhanga, Kirehe, Musanze, Gicumbi, Kayonza, Nyagatare, Nyarugenge na Nyaruguru.




*Ibiganiro mu Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere ka Musanze*



*Ibiganiro mu Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere ka Kirehe*




*Ihuriro ry'Ubumwe n'Ubudaheranwa mu Karere ka Muhanga*

## III.2. IHURIRO RYA 18

Imirimo y'Ihuriro yakozwe mu minsi ibiri (2), gahunda igatangira nyuma ya saa sita.

- Umunsi wa mbere, ku itariki ya 07/11/2025 hakozwe **Inteko Rusange n'Umwiherero w'Abanyamuryango ba Unity Club Intwarumuri**
- Umunsi wa kabiri, ku itariki ya 08/11/2025 hakozwe **Ihuriro ryagutse ryitabirwa n'abanyamuryango ba Unity Club n'abandi batumirwa.**

### III.2.1. INAMA Y'INTEKO RUSANGE

Inteko Rusange nirwo Rwego Rukuru rw'Umuryango Unity Club Intwararumuri. Nk'uko biteganywa n'amategeko shingiro ya Unity Club Intwararumuri. Inteko Rusange iterana rimwe (1) mu mwaka n'ikindi gihe cyose bibaye ngombwa.






*Abanyamuryango ba Unity Club mu Inama y'Inteko Rusange*

Imirimo y'Inama y'Inteko Rusange n'umwiherero yatangijwe kandi iyoborwa n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME. Yitabiriwe n'abanyamuryango bose hamwe 184, irangwa n'ibikorwa bikurikira:

- Kumurika raporo y'ibikorwa by'ingenzi byagezweho mu mwaka wa 2024-2025 na Gahunda y'ibikorwa y'umwaka 2025-2026
- Kwemeza ivugururwa ry'amategeko agenga Unity Club
- Kuzuza Inzego z'ubuyobozi za Unity Club
- Kwakira abanyamuryango 20 bashya ba Unity Club Intwararumuri
- Umwiherero wa 5 w'abanyamuryango

### III.2.2. IHURIRO RYAGUTSE



*Abanyamuryango ba Unity Club n'Abayobozi mu Nzego Nkuru z'Igihugu bitabiriye Ihuriro rya 18*

Ihuriro ryahuje Abanyamuryango ba Unity Club n'abandi batumirwa, rirangwa n'ibikorwa bikurikira:

- **Gutangiza Ihuriro**: Umuyobozi Mukuru wa Unity Club
- **Ikiganiro mbwirwaruhame**: Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025: Minisitiri wa Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu (MINUBUMWE)
- **Ikiganiro nyunguranabitekerezo** (panel) cyari gifite insanganyamatsiko: "Amahitamo yacu, Isoko y'Ubudaheranwa"
- **Igitaramo**

### III.2.2.1. GUTANGIZA IHURIRO




*Umuyobozi Mukuru wa Unity Club,*
*Nyakubahwa Madamu Jeannette KAGAME atangiza Ihuriro rya 18*

Imirimo y'Ihuriro rya 18 yatangijwe n'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Nyakubahwa Jeannette KAGAME, Madamu wa Nyakubahwa Perezida wa Repubulika y'u Rwanda. Ryitabiriwe n'abantu 420 barimo Abanyamuryango ba Unity Club, Abayobozi mu Nzego Nkuru z'Igihugu, Abayobozi b'Inzego z'Ibanze, abahagarariye abikorera, Abarinzi b'Igihango ku rwego rw'Igihugu, abahagarariye

urubyiruko, abakuru b'amadini n'amatorero, abahagarariye sosiyete sivile n'itangazamakuru.

Mu ijambo rye ritangiza Ihuriro, Umuyobozi Mukuru wa Unity Club yashimiye abaryitabiriye, ashimira abanyamuryango ba Unity Club abato n'abakuru kwitanga birenze ibyo basabwa, bakemera kwitaba umuhamagaro ufasha mu gukomeza kwimakaza Amahoro, Ubumwe n'Iterambere ry'Igihugu binyuze muri Unity Club Intwararumuri.

> "*Mwarakoze, abato n'abakuru mu nzego z'ubuyobozi, kwitabira uyu muhamagaro, udufasha twese, gukomeza kwimakaza amahoro, ubumwe n'iterambere by'igihugu cyacu. Mwagaragaje ko Unity Club irenze kuba ihuriro, ahubwo yatubereye twese urumuri ruyobora intambwe zacu mu mitekerereze, imigirire, n'imibereho twahisemo".*

Yashimiye by'umwihariko Umunyamabanga Nshingwabikorwa ucyuye igihe, Madamu Régine IYAMUREMYE kuko yujuje inshingano yari ashinzwe zitari zoroshye, anaha ikaze Umunyamabanga Nshingwabikorwa mushya, Madame Julienne UWACU.

Umuyobozi Mukuru wa Unity Club yasabye abayobozi kutirara kuko iterambere Igihugu kigezemo rishimishije bidakwiye kwibagiza intambara zigose akarere n'ahandi ku Isi. *Yagize ati:*

> *"Hadutse mu buryo buteye impungenge kwimakaza inzangano zishingiye ku mitandukanire mu bituranga. Byabaye urwitwazo rw'ababifitemo inyungu, bakoresha ingirwa-identities kugira ngo batubibemo inzangano. Kuri twebwe intero n'inyikirizo izakomeza kuba Ndi umunyarwanda."*

Mu ijambo rye yagarutse ku mwihariko wa Unity Club Intwararumuri wo guha agaciro ibiganiro bisa n'aho bigoye kuko guceceka bishobora kugira ingaruka zikomeye. Yakomeje asaba Abanyamuryango guhaguruka bakandika amateka, akanigishwa mu bato kugira ngo akomeze

gusigasirwa. Yibukije kandi ko Ndi Umunyarwanda ari cyo gihango dufitanye akaba ari nawo murage tuzasigira abato. Yabivuze muri aya magambo:

> "*Twambuwe ubusesenguzi bw'amateka y'umugabane wacu wa Afurika, natwe turabyemera. Guceceka kwacu, byabereye abatatwifuriza ineza, intwaro bifashisha bagoreka amateka yacu, rimwe na rimwe ugasanga hari bamwe muri twe bayoboka iyo nzira y'ibinyoma. Niyo mpamvu dukwiye guhagurukira umuco wo kwandika amateka yacu, kuyabika neza, no kuyigisha, kugira ngo tutazisanga ibyo tuganirira muri aya mahuriro, cyangwa se aho dukorera byarasibanganye. Twagiye twibukiranya kenshi impamvu ari ngombwa ko twandika ku bisubizo twishatsemo, byadufashije* kwigobotora *icuraburindi Igihugu cyacu cyarimo. Ntidukomeze gutekereza ko tugifite umwanya, igihe kirageze ko imvugo iba ingiro, tugakora ibyo twiyemeje".*

Yasoje yongera guha ikaze abanyamuryango bashya ba Unity Club, anifuriza abitabiriye Ihuriro kugira ibiganiro byiza.

**Ijambo rirambuye:**
***https://youtu.be/XSSmsqY8Otc?si=qa9fs3_Vc-LIUalD***

## III.2.2.2. IGIPIMO CY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025

**IKIGANIRO MBWIRWARUHAME**




*Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Jean Damascène BIZIMANA ageza ku bitabiriye Ihuriro Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025*

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu yerekanye ko u Rwanda rwavuye kure. Ibi yabishingiye ko mbere ya 1994, imiyoborere y'Igihugu yari ishingiye ku macakubiri n'irondabwoko. Politiki z'igihe cy'ubutegetsi bwa Repubulika ya Mbere n'iya Kabiri zagize uruhare rukomeye mu kubiba urwango n'ivangura, cyane cyane mu burezi, mu butabera, no mu mikoreshereze y'ubwenegihugu. Ibi bikaba byarahaye imbaraga politiki yo kwima amahirwe bamwe mu benegihugu hashingiwe ku moko n'uturere.

Raporo y'iperereza ryakozwe mbere ya 1994 yerekanye ko Abanyarwanda babajijwe bari baracengewe na politiki y'ivangura ku buryo abenshi

(84.8%) bagaragaje ko batifuzaga ko impunzi zitaha. Bigaragaza ko ubuyobozi bwari bwarimitse politiki y'amacakubiri, ari nayo yabaye inkomoko y'urwango rwagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi. Gusa mbere ya Jenoside, hari bamwe mu Banyarwanda bakiri bato (49%) n'abajijutse (44.9%) babonaga ko nta nyungu iri mu moko, ko ahubwo ejo hazaza habo hashingiye ku bunyarwanda, ariko habuze ubushake bwa politiki bwo kubiha imbaraga.

Nyuma yo guhagarika Jenoside mu 1994, FPR-Inkotanyi n'ubuyobozi bushya batangije politiki ishingiye kuri gahunda zubaka Ubumwe n'Ubwiyunge. Kuva mu mwaka wa 2010, hatangijwe Igipimo cy'Ubumwe n'Ubwiyunge by'Abanyarwanda, gikorwa buri myaka itanu. Uko imyaka yagiye ihita, igipimo cyarazamutse cyane, bitewe n'impinduka zigaragara mu rwego rw'imibanire, ubutabera, imiyoborere na gahunda zo kwishakamo ibisubizo zishingiye ku ndangagaciro z'umuco nyarwanda.

Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda mu 2025, kigaragaza ko ubumwe bw'Abanyarwanda buri ku rwego rwa 95.3%, kikaba cyarazamutseho 13% ugereranyije n'umwaka wa 2010. Icyo gipimo cyagezweho hashingiwe ku nkingi zirimo ubutwari no gukunda Igihugu (98.7%), Imigenzo, imyemerere n'imiziririzo (97.9%), Isano muzi y'Abanyarwanda (96.8%), Akamaro ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi (99%), Imibanire myiza mu Banyarwanda (98.5%), no Kwisanga no Kwisanzura mu muryango nyarwanda (95.9%). Abanyarwanda benshi baterwa ishema no kuba Abanyarwanda no kuvuga Ikinyarwanda, bakemeza ko ari inkingi fatizo y'ubumwe bw'Abanyarwanda, (100%) bemeza ko gahunda z'uburere mboneragihugu nk'Itorero na Ndi Umunyarwanda zifite akamaro kanini, (99%) bemeza ko Abanyarwanda basabana nabo baturanye badashingiye ku moko (99%), bemeza ko kiwbuka Jenoside yakorewe Abatutsi bifite uruhare rukomeye mu kubaka ubwiyunge mu Banyarwanda (99%), kandi bakanemeza ko hari ubushake bwa politiki bwo kubaka ubumwe mu Banyarwanda (98%).

Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda bwashyizwe mu gipimo cy'ubumwe bw'Abanyarwanda mu 2025 nk'inkingi nshya kuko bufatwa nk'ishingiro ry'Ubumwe n'Ubwiyunge. Hari hagamijwe gupima uburyo Abanyarwanda bagenda bakira ibikomere by'amateka n'uko bibafasha kubaka ejo hazaza hatarangwa n'amacakubiri. Iyi nkingi y'Ubudaheranwa ihagaze kuri 90.8%.

Raporo yagaragaje ko Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda bushingiye ku miterere y'ubuyobozi budaheza uwo ariwe wese (99.1%), buteza imbere umuco w'ibiganiro no gukemura amakimbirane binyuze mu bwumvikane (98.6%) no ku mategeko aboneye atuma abaturage bahabwa ubutabera nta vangura (97.8%), kandi buha amahirwe angana abaturage bose mu bukungu (87%).
N'ubwo ubumwe buri ku rwego rwo hejuru, raporo igaragaza ko hari ibigikeneye kwitabwaho: Abanyarwanda bagifite ibikomere, cyane cyane abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi (45.1%); hari kandi abafite ingengabitekerezo ya Jenoside (23%) n'urwango rugaragara ku mbuga nkoranyambaga nyinshi zikorera hanze y'u Rwanda zigoreka amateka y'Igihugu zikanapfobya ibyo RPF Inkotanyi imaze kugeza ku Banyarwanda, bikaba byayobya urubyiruko rutarasobanukirwa n'inshingano mboneragihugu ku rwego rwo hejuru.

Ubushakashatsi bukaba bwaragaragaje ko ari ngombwa gushimangira no kwagura gahunda z'uburere mboneragihugu no guha urubyiruko amasomo ku ndangagaciro, amateka nyayo y'Igihugu n'aya Jenoside yakorewe Abatutsi, uko politiki y'amacakubiri n''irondabwoko yasenye Igihugu n'uko ikwiye kwirindwa, bikazafasha mu gukumira ingengabitekerezo yaba ishingiye ku moko, idini, uturere n'ibindi.

Mu gusoza, Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu yasabye buri munyarwanda kugira uruhare mu kubaka ubumwe, haba mu mashuri, mu muryango, mu itangazamakuru no mu

nzego z'ubuyobozi. Abashishikariza kubakira ku budaheranwa, gushyira imbere ukuri, kurwanya ingengabitekerezo ya jenoside, no gukomeza gusangira indangagaciro z'umuco nyarwanda kuko aribyo bizakomeza kubaka u Rwanda rubereye buri wese, rutavangura kandi rutekanye.

**Ikiganiro kirambuye:**
***https://youtu.be/zljV1CFFRQ0?si=WE2lvnp8cG-kX9s6***

## III.2.2.3. AMAHITAMO YACU, ISOKO Y'UBUDAHERANWA

▼ **IKIGANIRO NYUNGURANABITEKEREZO**




*Uhereye ibumoso: Madamu Sandrine ISHEJA BUTERA, Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA, Madamu Valérie NYIRAHABINEZA, BwJean de Dieu UWIZEYE*

Iki kiganiro cyatanzwe na Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA, Hon, Valérie NYIRAHABINEZA, Intwararumuri na Bwana Jean de Dieu UWIZEYE, Umukozi muri *Association Modeste et Innocent,* kiyoborwa na Madamu Sandrine ISHEJA BUTERA, Umuyobozi wungirije wa RBA.

Abatanze ikiganiro bagaragaje uburyo amahitamo y'Abanyarwanda ashingiye ku buyobozi bwiza yagize uruhare mu kubohora u Rwanda, guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi, no kubaka u Rwanda rushya rwimakaza Ubumwe n'Ubudaheranwa kandi rudaheza uwo ariwe wese wifuza gutanga umusanzu mu iterambere ryarwo. Berekanye kandi ko kugira ubuyobozi bwiza ari umurage mwiza ku rubyiruko rw'u Rwanda.

**Ingingo nyamukuru zikubiye mu byavuzwe n'abatanze ikiganiro:**

Madamu Sandrine ISHEJA BUTERA yatangije ikiganiro asaba abacyitabiriye kwitekerezaho, bakareba uko u Rwanda rwari rumeze mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi muri 1994, ndetse n'aho rugeze ubu kuko bifitanye isano n'amahitamo y'Abanyarwanda. Aho niho yahereye abaza Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA kugaragaza ayo mahitamo n'isoko yayo.




*Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA atanga ikiganiro*

Agaruka kuri ayo mahitamo, **Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA** yagaragaje uko ubuyobozi bwiza bwa Nyakubahwa Paul KAGAME, wari uyoboye urugamba rwo kubohora Igihugu bwashyize imbere indangagaciro z'ubumuntu, kudaheza no kurwanya ivangura.

Yabigaragaje yifashishije ingingo zikurikira:

- **Uruhare rw'Ubuyobozi bwa RPF/RPA mu gushinga Ingabo zirangwa n'Indangagaciro**: Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA yagaragaje ko kuva mu ntangiriro z'urugamba rwo kubohora Igihugu mu 1990, RPF yahisemo kubaka ingabo zitandukanye n'ingabo za Leta yari ku butegetsi icyo gihe. Nyakubahwa Paul KAGAME waziyoboraga yatanze umurongo w'uko zigomba kuba Ingabo zubahiriza uburenganzira bwa buri muturage, zifite amahame yo kutihorera no kurwanya ihohoterwa iryo ari ryo ryose. Izo ndangagaciro ni zo zatumye RPA igera ku ntego yo kubohora u Rwanda no kongera ku rwubaka.

- **Icyemezo cyo guhagarika Jenoside yakorewe Abatutsi:** Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA yibanze ku cyemezo gikomeye cyafashwe n'Umugaba w'Ingabo icyo gihe, Perezida Paul KAGAME, cyo gutabara no guhagarika Jenoside mu gihe amahanga yose yari yatereranye Abatutsi bicwaga. Yavuze ko iki cyemezo cyari ikimenyetso cy'ubutwari n'ubuyobozi bwiza. Yashimangiye ko iyo Igihugu kiza kuba gifite ubuyobozi bwiza kuva mbere, Jenoside itari kuba.

- **Kongera kubaka Igihugu cyari cyarasenyutse:** Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA yagaragaje inzira ikomeye u Rwanda rwanyuzemo mu kubaka Igihugu cyari cyarasenyutse, abaturage bari mu bwigunge no mu gahinda. Ubuyobozi bwiza, bwashyize imbere Ubumwe, Kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside, gusubiranya inzego

z'imiyoborere, kubaka iterambere ry'ubukungu no guhuza ingabo. Uyu mugambi ntiwashoboraga kugerwaho hatabayeho ubuyobozi bufite icyerekezo gihuza Abanyarwanda, bukarema imyumvire mishya ishingiye ku bumwe n'icyizere cy'ejo hazaza. Yashimangiye ko iterambere ry'u Rwanda uyu munsi ari umusaruro w'amahitamo meza yafashwe icyo gihe.

- **Umurage w'Ubuyobozi bwiza ku rubyiruko:** Yagiriye inama urubyiruko ko rudakwiye gutega amatwi abiririwa barushuka ku mbuga nkoranyambaga, ahubwo rugakomera ku murage w'ubuyobozi bwiza. Yashimangiye ko nta mpungenge afite ku rubyiruko rw'u Rwanda kuko rwahawe amahirwe mu nzego zose, haba mu buyobozi ndetse no mu ngabo. Gen. (Rtd) Fred IBINGIRA yasoje agira ati: ***"Umurage twifuriza urubyiruko rw'Ejo hazaza ni ukugira ubuyobozi bwiza buzaturinda amacakubiri ayo ariyo yose".***




***Bwana Jean de Dieu UWIZEYE***

Bwana **Jean de Dieu UWIZEYE** yatanze ubuhamya bwimbitse ku rugendo rw'ubuzima bwe kuva akiri umusore w'imyaka 16. Ubuhamya bwe buragaragaza ku ruhande rumwe uruhare rw'ubuyobozi bubi mu kubiba ingengabitekerezo y'urwango mu rubyiruko ku rundi ruhande bukagaragaza uko amahitamo y'ubuyobozi bwiza yahinduye amateka ye.

Ubuhamya bwe bukubiye mu ngingo zikurikira:

- **Uko ingengabitekerezoya Jenoside yacengejwe mu rubyiruko mbere na nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi**: Jean de Dieu, yatangiye asobanura ko urwango n'amacakubiri byamwinjiyemo akiri muto, binyuze mu nyigisho z'urwango yigishijwe mu mashuri, mu muryango no mu idini aho yakuze afata Abatutsi nk'abanzi b'Abahutu. Yatanze urugero rw'ukuntu bahagurutsaga Abahutu n'Abatutsi mu mashuri, ibintu byabibaga inzigo hagati yabo. Nyuma ya jenoside yahungiye mu cyahoze ari Zaire (Congo) aho izo nyigisho zakomereje mu nkambi, zitangwa n'abahoze ari abayobozi ba Leta yatsinzwe na bamwe mu bayobozi b'amadini n'amatorero bigishaga urwango, bababwira ko hari ubwoko bw'Imana (Abahutu) n'ubwoko bwavumwe (Abatutsi), bigatuma abato barushaho gutakaza ubushobozi bwo gutekereza ku kuri. Abo banyamadini kandi banagiraga uruhare mu gukangurira impunzi gutanga imisanzu yo kongera gutera u Rwanda, kugira ngo birukane Abatutsi mu gihugu n'Abahutu batahunganye nabo, bakigisha ko utanze iyo misanzu yandikwa mu gitabo cy'ubugingo.

- **Ubuzima bubi bw'impunzi mu nkambi za Congo n'icengezamatwara (Propaganda) ryakorerwagayo:** Jean de Dieu yasobanuye ubusharire bw'ubuzima bw'impunzi mu nkambi za Congo, aho ubutegetsi bwari bwarakoze Jenoside bwakomezaga kubabeshya no kubatera ubwoba kugira ngo badataha mu Rwanda. Yasobanuye uko abayobozi b'ingabo n'abanyapolitiki nka,

Kambanda wari Minisitiri w'Intebe, Sindikubwabo wari Perezida wa Leta yiyise iy'Abatabazi, bakomeje ubutegetsi mu mpunzi, bazibuza gutaha, bazibwira ko RPF itabatsinze, ahubwo ko babaye basubiye inyuma kwisuganya ngo babone uko bazatsinda nibagaruka.

- **Uko yamenye ukuri amaze gutaha mu Rwanda**: Jean de Dieu yagaragaje ko nyuma yo kumara igihe kirekire mu buhunzi, baje gusubizwa mu Rwanda batabishaka, bagarukana urwikekwe bagisaritswe n'ingengabitekerezo ya jenoside bigishijwe. Yavuze ko yasanze Igihugu gitandukanye n'icyo yabwiwe, kuko yasanze igihugu kirangwa n'amahoro, ubumwe, no gufasha buri wese nta vangura iryo ariryo ryose. Yasobanuye ko yagiye akira imitekerereze mibi bitewe no kwibwiza ukuri; ashingiye ku byo yabonaga mu gihugu bitandukanye n'ibyo yari yarigishijwe; gahunda ya Ndi Umunyarwanda n'ubudaheranwa bw'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi byamufashije guhindura imyumvire.

Mu gusoza ubuhamya bwe yagaragaje ibikwiye gushyirwamo imbaraga kugira ngo imbogamizi zigihari ziveho, abana bavuka batazisanga mu bibazo ababyeyi babo baciyemo birimo:

- Gukomeza gushyira imbaraga muri gahunda ya Ndi Umunyarwanda;
- Abayobozi bakwiye kugira uruhare mu gutanga ibiganiro byigisha Abanyarwanda Ubumwe n'Ubudaheranwa bahereye ku buhamya bw'ibyo babayemo;
- Kugaragaza amateka y'ukuri akwiye kwigishwa no gusaba ababyeyi kubwiza abana babo ukuri.




*Madamu Valérie NYIRAHABINEZA*

**Madamu Valérie NYIRAHABINEZA**, nk'Umuyobozi wa Komisiyo ishinzwe gusezerera no gusubiza mu buzima busanzwe abahoze ari abasirikare, yerekanye uburyo bashishikariza impunzi gutaha, uko abatashye bava mu mashyamba ya Congo bakirwa, inzitizi bahura nazo n'uko zakemurwa.

- **Gushishikariza impunzi gutaha bishingiye kuri Politiki y'u Rwanda yo Kudaheza Umunyarwanda n'Umwe**

  Madamu Valérie yagaragaje ko ishingiro rya politiki yo gusubiza mu buzima busanzwe abahoze mu mashyamba rituruka ku miterere y'ubuyobozi bw'u Rwanda bwiza burangajwe imbere na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Paul KAGAME, bureba kure kandi bwiyemeje kudaheza uwo ariwe wese kuko nta Munyarwanda ugomba guhera i Shyanga.

Yagaragaje ko gutaha bikorwa muburyo bubiri burimo abataha kubushake bigizwemo uruhare n'Imiryango yabo cyangwa bahamagawe na bagenzi babo batashye bakabaha ubuhamya bw'ibyiza basanze mu Rwanda; hakaba n' abandi bataha habaye ibikorwa bya gisirikare.

- **Uko abava mu mashyamba bakirwa n'uko basubizwa mu buzima busanzwe**:

  Madame Valérie yasobanuye uburyo Leta y'u Rwanda yakira Abanyarwanda bagaruka bavuye mu mashyamba, ibaha serivisi z'ingenzi zirimo umutekano, ubujyanama, amahugurwa ku ndangagaciro z'Igihugu, n'ubufasha bwo gutangira ubuzima bushya.

- **Imbogamizi zikiri muri gahunda yo gucyura impunzi**

Yagarutse kuri zimwe mu mbogamizi zikurikira:

- Abantu bagenda babeshywe imirimo irimo gutwika amakara...;
- Imiryango ituma bene wabo bari mu mashyamba baherayo ikabatera ubwoba ibabwira amakuru atariyo ku Rwanda cyane cyane iyo bariye imitungo yabo;
- Ababyeyi bacyohereza abana babo muri Congo bagiye gushakamo imirimo irimo ubucuruzi, ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no gutwika amakara bakisanga binjijwe muri FDLR ;
- Leta ya Congo ifasha FDLR n'abandi bagifite imyumvire yo gutera u Rwanda.

  Kuri izi mbogamizi, Madamu Valerie yasabye ko Abanyarwanda bakwiye kwitabira gahunda za Leta, zashyiriweho guteza imbere

umuturage aho kujya gushakira ubuzima mu mashyamba ya Congo. Yasabye kandi abayobozi mu Nzego z'Ibanze kwakira neza abatahuka bava mu mashyamba, bakagira uruhare mu kubafasha gusubira mu buzima busanzwe. Yanasabye abatahutse kwimakaza Ndi Umunyarwanda n'indangagaciro z'Ubumwe n'Ubudaheranwa zo musingi w'iterambere ry'u Rwanda.

### III.2.2.4. KUNGURANA IBITEKEREZO

Nyuma y'ikiganiro, abitabiriye Ihuriro by'umwihariko urubyiruko bahawe umwanya bagaragaza uko umurage w'ubudaheranwa wavuye mu mahitamo y'Ubuyobozi bwiza bifuza kuwukomeza n'uko wahererekanywa.



*Gaëel Karomba, atanga ibitekerezo*

**Gaëel Karomba (Coach Gaëel),** umwe mu rubyiruko wari witabiriye Ihuriro, yahumurije abakuru aho yagize ati: "*Bamwe muri twebwe turimo kuva mu mahanga kugira ngo dufashe kubaka u Rwanda n'uzashaka kurugirira nabi ntazabone aho aca".* Yakomeje ashimira ubuyobozi bwiza buha urubyiruko amahirwe yo gukora mu mutekano, nta ruswa n'akarengane.

Yasoje asaba urubyiruko gukoresha neza aya mahirwe: *“Dukoreshe neza amahirwe duhabwa, turote kure kuko bishoboka, kuko turi mu gihugu gukabya inzozi bishoboka”.*




*Fidèle NSENGIYAREMYE atanga ibitekerezo*

**Fidele Nsengiyaremye,** nawe yunze mu rya Gaëel ahamya icyizere cy’Ubudaheranwa akesha ubuyobozi bwiza n’ amahitamo bwakoze nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ubu akaba ari abagabo bafatanya n’abandi kubaka Igihugu. Yagize ati *“Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye mfite imyaka 3, nari umwana muto kandi ninjye warokotse iwacu jyenyine, ariko kubera ubuyobozi bwiza, bwatwubatsemo ubudaheranwa byaraturemye bitugira abagabo…”.* Yishimira ko yagize amahirwe yo gukurira mu gihugu gifite icyerekezo cyiza.

Yibukije ko abatangije urugamba rwo kubohora Igihugu bari bafite impamvu aho yagize *ati: “Ndagira ngo mbabwire ko natwe dufite impamvu inasatira kungana ni iy’ababohoye Igihugu, kubera ko intambwe mwateye ihora iduha umukoro wo kugira ngo tugere ikirenge mu cyanyu ntituzasubize Igihugu cyacu inyuma. Urubyiruko rero turiteguye n’ubwo*

*hari za kidobya, ariko kuko twiteguye dushingiye ku miyorere myiza, ku mpanuro nziza, nta kizaduhungabanya, dusabwa iteka guhitamo igikwiriye nk'Abanyarwanda…"*



***Madamu Jacqueline KAYITARE, Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga***

**Madamu Jacqueline Kayitare,** Umuyobozi w'Akarere ka Muhanga, yagarutse ku bushakashatsi (Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025) bwagaragaje ko igipimo cy'ubumwe n'ubudaheranwa kigeze Kuri 95.3%, kubera icyizere abaturage bafitiye imiyoborere myiza, yizeza ko ahari intege nke bagiye kuhashyira imbaraga.

Yabivuze muri aya magambo "*Mu nzego z'ibanze natwe twabonye aho duhagaze, urugendo dusigaje n'icyo tugomba gukora. Turabasezeranya ko tugiye kongera imbaraga kugira ngo na ziriya ntabwe zibura tuzigereho, kandi duhereye mu bato kugira ngo twubake u Rwanda rurambye, rutanga icyizere cy'igihe kirekire."*

Nyuma yo kumva ibyo urubyiruko rwiyemeje, abakuru baranyuzwe bagaragaza ko urubyiruko rutanga icyizere. Gen. Rtd IBINGIRA yagize ati*: “Umuyobozi ni nk’Umubyeyi mu muryango.... Urubyiruko tubafitiye icyizere ariko tugomba no gukomeza kubahwitura. Mureke uburangare, kuba mu byishimo by’intsinzi ntabwo bikwiye kubarangaza ngo musinde, mukore ibidakorwa”.*

Gen. Rtd IBINGIRA yanagarutse ku ruhare rw’amadini n’amatorero, abasaba ko mu byo bakora byose habamo no kubaka ubumwe bw’Abanyarwanda.




***Padiri Consolateur Innocent***

**Padiri Consolateur**, umwe mu bahagarariye amadini, yagarutse ku gipimo cy’Ubumwe 2025, avuga ko 4,7% kabura ngo igipimo kigere ku 100% ari gato, ariko ko igitokoza amata kitaba gito, asaba abari mu nama gufata inshingano zo kurinda ayo mata. Yasabye Intwararumuri zirangajwe imbere na Nyakubahwa First Lady, gukomeza gushyira imbaraga mu kugeza Ndi Umunyarwanda mu nzego zose, ikaba ubuzima bwacu mu mibereho ya buri munsi, mu burezi, mu bucamanza n’ahandi.

Yasoje igitekerezo cye agira ati: *"Ndi Umunyarwanda dukomeze tuyigire Igitekerezo ngenga twubakiraho ukubaho kwacu."*

Madamu Sandrine, wayoboye ikiganiro yasoreje ku butumwa Umuyobozi Mukuru wa Unity Club yagejeje ku Banyarwanda mu gihe cyo kwitegura Ihuriro rya 18: "***Dukomeze duhitemo Ubumwe, duhitemo Ubudaheranwa. Uwambaye Ubunyarwanda agendana ubudahangarwa mu ngamba zose.***

**Ikiganiro kirambuye***:*
***https://youtu.be/8r-Xvfki54Y?si=ItSWDhtZ0QtLFtps***

## III.2.2.5. IBYEMEZO NGIRO BY'IHURIRO RYA 18 RYA UNITY CLUB

Nyuma yo kwegeranya ibitekerezo byavuye mu biganiro byatanzwe mu Ihuriro, kubyunguranaho ibitekerezo no kubikorera ubugororangingo, hemejwe ibyemezo ngiro bizashyirwa mu bikorwa mu bufatanye bwa Unity Club Intwararumuri n'Abafatanyabikorwa. Twebwe, Abayobozi, Ababyeyi, Abakuru n'Urubyiruko duteraniye mu Ihuriro rya 18 rya Unity Club Intwararumuri dufashe ibyemezo ngiro bikurikira:

1. Kongera imbaraga mu kwandika, kubika no kwigisha amateka y'ukwiyubaka k'u Rwanda n'ibisubizo twishatsemo, hagamijwe kumenyekanisha no guhamya ukuri kw'aho Igihugu cyavuye, aho kigeze n'aho kigana kugirango uwo murage ubungabungwe, ugirwe icyitegererezo cy'u Rwanda rw'ubu kandi ube umusingi w'ubudaheranwa ku bisekuru bizaza,

2. Gukomeza kunoza ireme ry'ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda no kurushaho kubikora mu nzego zose z'Igihugu no mu banyarwanda baba mu mahanga ku buryo buhoraho, bikatubera ishuri twigiramo amateka yaranze Igihugu cyacu, urubuga rwo komora ibikomere

n'isoko yo kwimakaza igihango cy'Ubunyarwanda dufitanye, bikaba umurage ku babyiruka,

3. Gukangurira Abanyarwanda mu byiciro byose gufata iya mbere mu kwerekana ukuri ku mateka no ku miyoborere y'u Rwanda, kwamagana no kuvuguruza imvugo zinyuzwa ku mbuga nkoranyambaga, zikwirakwiza urwango zisebya Igihugu n'abayobozi, kugoreka amateka, guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, zigambiriye gusenya ubumwe bwacu, zikagira ingaruka ku myumvire n'imitekerereze y'Abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko,

4. Gushishikariza abayobozi n'ababyeyi kwemera ukuri kw'amateka mabi yaranze u Rwanda, by'umwihariko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ntibatinye kuvuga ibyo bazi n'ibyo babonye mu rwego rwo kurinda ababyiruka gukurana umurage mubi w'amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside,

5. Kongera imbaraga mu bukangurambaga bugamije gushishikariza gutaha Abanyarwanda baheze mu buhungiro kubera kutagira amakuru y'ukuri ku bibera mu Gihugu cyabo no kubafasha gusubira mu buzima busanzwe,

6. Gushyiraho ingamba zifasha Urubyiruko kwakira no gukomeza umurage w'ubudaheranwa binyuze mu gukunda no guha agaciro umurimo, kumenya amahirwe Igihugu gitanga no kuyakoresha neza byose bigakorwa bishingiye ku mwihariko w'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

## III.2.2.6. IGITARAMO



*Ihuriro rya 18 ryasojwe n'Igitaramo cyitabiriwe na Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, akaba n'Umunyamuryango w'Icyubahiro wa Unity Club.*

Muri iki gitaramo, abatumirwa basusurukijwe n'Itorero INTWARARUMURI rya Unity Club mu mbyino gakondo.





*Itorero Intwararumuri rya Unity Club risusurutsa abitabiriye igitaramo*

**Igitaramo:**
***https://youtu.be/W-eia-tMYUs?si=qUJrFmJTljr7VWPk***

## IMPANURO ZA NYAKUBAHWA PAUL KAGAME, PEREZIDA WA REPUBULIKA Y'U RWANDA




*Nyakubahwa Paul KAGAME, Perezida wa Repubulika y'u Rwanda ageza ijambo ku bitabiriye Ihuriro rya 18*

Mu butumwa yagejeje ku bayobozi bitabiriye Ihuriro, yabashimiye ko bagize ibiganiro byiza mu minsi ibiri, ashimira Unity Club, abayigize n'abayishyigikira cyane cyane bishingiye ku gitekerezo cyayo cyubaka. Umukuru w'Igihugu yakomeje ashima uruhare rw'abayobozi ndetse n'Abanyarwanda mu iterambere ry'Igihugu, ashishikariza buri wese kujya ahora yibaza uruhare rwe muri iryo terambere, ntiyishimire gusa ibyakozwe n'abandi we nta ruhare yabigizemo. Yabivuze muri aya magambo:

> *"U Rwanda rwacu aho ruvuye, aho rugeze, navuga ko bishingiye kuri mwebwe muri hano ndetse n'Abanyarwanda muyobora, nabo babigiramo uruhare, byo nta gushidikanya. Iteka, kugira ngo ibintu bigende neza kurusha, wajya wibaza uti ariko njyewe, uruhare rwanjye ruba uruhe?"*

Umukuru w'Igihugu yibukije buri wese ko agomba gukora ibyo ashinzwe adategereje ko hari undi uzamugoboka. Mu butumwa bwe, Nyakubahwa Perezida wa Repubulika akaba n'Umunyamuryango w'Icyubahiro wa Unity Club, yagarutse ku nsanganyamatsiko y'Ihuriro rya 18 "Ndi Umunyarwanda, Igitekerezo Ngenga cy'Ukubaho Kwacu", yibutsa ko ibi byose twagezeho bishingiye ku ihame rya Ndi Umunyarwanda, ko Abanyarwanda ari twe tugena uko tubaho, ntawe duteze amaso ngo tubeho:

> *"… uku Kubaho Kwacu tuvuga, hari mo impamvu uhitamo uko ushaka kubaho, ntabwo impamvu yawe, yaba gukesha kubaho kwawe imibereho y'abandi, ngo uhore ubateze amaso ko ari bo bagomba kukubeshaho…"*

Nyakubahwa Perezida wa Repubulika yanagarutse ku ntege nke Abanyarwanda n'Abanyafurika benshi bakigaragaza mu kwigira no kwihesha agaciro. Agaragaza ko abo twari ku kigero kimwe mu myaka 50, 60 ishize, bo ubu bateye imbere inshuro 100 ndetse zinarenze, ariko twe, ni nk'aho tukiri aho twari turi muri iyo myaka ishize, kandi ukabona

abantu bumva ari uko bigomba kuguma. Yavuze ko iki kibazo ahora acyibaza, akanakibazwa, yakigaruye mu bayobozi bari bitabiriye Ihuriro ngo bamubwire uko bacyumva: *Ati abayobozi twicaye hano, tubyumva dute, tubisobanura dute? Impamvu ni iyihe? Ese niba impamvu tuyizi, yaba impamvu imyaka 50, 60 gute?"*

Yabahaye umwanya batanga ibitekerezo binyuranye byagarutse by'umwihariko ku:

- Imyumvire ikiri hasi: Kutumva ko Igihugu ari icyacu, tugomba kugiteza imbere, kumva ko tugomba guhora mu bukene, hari n'abanga kuva mu bukene kuko bumva ko hari inyungu batakaza zirimo amafaranga y'inkunga baherwa ubusa;

- Ubuyobozi bubi: Abayobozi bikunda badakunda abo bayobora. Impamvu banga kuva mu bukene ni ukugirango bakomeze babone ayo mafaranga basabiriza atanagera kuri wa muturage ukennye. "Dufite abayobozi barya bonyine kandi ntibasigaze".

- Abakoloni: Batwambuye icyo turicyo, natwe turabyemera, tugakora ibyo bo bashaka, twakora ibyacu bakavuga ko bituzuye natwe tukabyemera.

Umukuru w'Igihugu nyuma yo kumva ibitekerezo binyuranye, yagarutse by'umwihariko ku ruhare n'imbaraga by'Ubuyobozi mu kubaka Igihugu cyangwa kugisenya. Asobanura ko abayobozi bafite inshingano zo guhora bibaza icyo basabwa gukora n'impamvu bagiye kugikora, iyo badafite uwo mutima wibaza, bigira ingaruka byanze bikunze. Yatanze urugero rw'amateka y'u Rwanda twanyuzemo, aho yagize ati: "*Aya mateka y'u Rwanda tunyuzemo, nabwo ntabwo twigeze twibaza ariko turakorera nde…urasenya, urica,…hanyuma uzabibazwa ni nde, ingaruka zizaba iza nde….?"*

Yanagarutse no ku mateka yo kongera kubaka Igihugu cyacu,hari abayobozi bamwe bumvaga ko batikorera, bafite abandi bakorera, bakiyima kuba bo, bakiyima no kwigenera ibyo bagakwiye kuba bakora. Mu mahitamo y'Abanyarwanda, iyo mikorere twarayanze kandi tugomba kubiharanira, ntibibe iby'umunsi umwe ahubwo bikwiye kuturanga no kuba mu buzima bwacu bwa buri munsi.

Umukuru w'Igihugu asoza, yavuze ko dukwiye kugira politiki ifite intego, icyerekezo no kwiyemeza, buri wese bikamuranga. Ashimangira kandi ko icyashaka guhungabanya u Rwanda rwacu n'imibereho y'abanyarwanda kitazihanganirwa.

**Ijambo rirambuye:**
***https://youtu.be/jAtusWNnaEQ?si=zyUey2U78HLK-Tfw***

## IMIGEREKA:

1. Ijambo ry'Umuyobozi Mukuru wa Unity Club
2. Ikiganiro mbwirwaruhame cya Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu: Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025
3. Gahunda y'ishyirwamubikorwa ry'ibyemezongiro

# IJAMBO RYA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE KAGAME

## Ihuriro rya 18 rya Unity Club Intwararumuri

Intare Conference Arena, Tariki 8 Ugushyingo 202

**Bayobozi mu nzego zitandukanye z'igihugu cyacu,**
**Rubyiruko Bana bacu,**
**Banyamuryango ba Unity Club Intwararumuri,**

- Muraho neza!

- Imyaka ibaye uruhererekane muhitamo umwaka ku wundi, kwitanga birenze ibyo musabwa.
  Mwarakoze, abato n'abakuru mu nzego z'ubuyobozi, kwitabira uyu muhamagaro, udufasha twese, gukomeza kwimakaza amahoro, ubumwe n'iterambere by'igihugu cyacu.

- Mwagaragaje ko Unity Club irenze kuba ihuriro, ahubwo yatubereye twese urumuri ruyobora intambwe zacu mu mitekerereze, imigirire, n'imibereho twahisemo.

- Mumfashe dushimire Executive Secretary ucyuye igihe, Maman Régine. Naba mbaye gito ntafashe akanya ngo ngire icyo nkubwira. Imirimo wari ushinzwe ntabwo yari yoroshye, ariko wayoboye gitore, ubera benshi urugero. Twakurambagije tubizi ko izo nshingano zari ziremereye muri biriya bihe, ariko wabereye urumuri benshi mu rugendo rwo kubohoka, umurikira benshi mu kutwereka ko amahitamo ari aya buri wese kandi ashoboka. Tukwifurije ikiruhuko cy'izabukuru cyiza. Tuboneyeho kandi no guha ikaze Julienne mu mirimo ye mishya.

- Uyu mwanya wo guharanira ibyiza, byagiye bitugoboka mu kwishakamo ibisubizo bitubereye.

- Gusenyera umugozi umwe, gutegana amatwi, kungurana ibitekerezo, ibi byose bigize ipfundo ry'ubumwe bwacu, butwerera imbuto z' ubudasa n'ubushishozi.

- Banyamuryango, Tube menge!

- Kuba iterambere tugezeho riri ku rwego rushimishije, ndetse tukaba dufite n'umudendezo wo kubaho twunze ubumwe, ntibikwiye kutwibagiza intambara zitugose muri aka gace kacu, ndetse n'ahandi henshi kw'isi.

- Hadutse mu buryo buteye impungenge kwimakaza inzangano zishingiye ku mitandukanire mu bituranga. Byabaye urwitwazo rw'ababifitemo inyungu, bakoresha izi ngirwa-identities kugira ngo batubibemo inzangano.

- Kuri twebwe, intero n'inyikirizo izakomeza kuba Ndi Umunyarwanda. Ishingiro ry'ubumwe bwacu ni inzozi dusangiye; dusangiye umuco, dusangiye ururimi, dusangiye igihugu, n'Imana y'u Rwanda kandi ikaba imwe.

- Umwihariko wa Unity Club ni ubutwari bwo guha umwanya ibiganiro bisa nk'aho bigoye kuri benshi. Iyo duhuye nk'uku, tukaganira, n'uko tuzi neza ko guceceka bishobora kutugiraho ingaruka zikomeye.

- Twambuwe ubusesenguzi bw'amateka y'umugabane wacu wa Afurika, natwe turabyemera. Guceceka kwacu, byabereye abatatwifuriza ineza, intwaro bifashisha bagoreka amateka yacu, rimwe na rimwe ugasanga hari bamwe muri twe bakayoboka iyo nzira y'ibinyoma.

- Niyo mpamvu dukwiye guhagurukira umuco wo kwandika amateka yacu, kuyabika neza, no kuyigisha, kugira ngo tutazisanga ibyo tuganirira muri aya mahuriro, cyangwa se aho dukorera byarasibanganye.

- Twagiye twibukiranya kenshi impamvu ari ngombwa ko twandika ku bisubizo twishatsemo, byadufashije kwigobotora icuraburindi igihugu cyacu cyarimo. Ntidukomeze gutekereza ko tugifite umwanya, igihe kirageze ko imvugo iba ingiro, tugakora ibyo twiyemeje. Hato tutazaba nka wa mugani twumvise ejo ugira uti "Umubyeyi gito, araga abana ibyamunaniye" Ubukungu twifitemo nk'abanyamuryango duteraniye aha, ni umurage ntagereranywa usobanura amateka yacu, twasigira abana b'u Rwanda.

- Insanganyamatsiko yacu, Ndi Umunyarwanda, igitekerezo ngenga cy'ukubaho kwacu si intero yacu gusa. Ahubwo niyo mahitamo yacu ntasubirwaho. Ntawe dusaba uburenganzira bwo kubaho, kandi tukabaho neza. Ndi Umunyarwanda ni cyo gihango dufitanye, ni wo murage tuzasigira abato.

Batumirwa Bacu,

- Unity Club Intwararumuri ni ishuri. Amashuri asanzwe twayigiye ahantu hatandukanye, imirimo twakoze nayo iratandukanye, ariko kuko duhurira muri uyu muryango, twese bitugira abanyeshuri b'amateka yacu, aho buri wese akomeza kwigira ku wundi. Kudakomeza kwiga ni ukudindira, ni ukugwingira.

- Ntitwirare ngo twibwire ko tuzi byose. Muri iri shuri ryacu ridasanzwe, duhore dufite amatsiko yo kwiyungura ubundi bumenyi.

- Muri iki gihe, ubona ko hari imiriro y'inzangano kandi yangiza byinshi. Rimwe na rimwe, benebyo bagahungiza uwo muriro, berekeza ibishashi byawo iwacu, bagamije kutwangiriza. Iyi ngingo nizeye ko abaza kutuganiriza baza kuyivugaho birambuye.

- Kimwe mu bisubizo rero ni uguhererekanya ibyo tuvuga kandi dukora ubungubu. Ntitwari dufite aho turebera uko bongera kubaka igihugu.

Twubatse byinshi bundi bushya, tubikora bucece, kandi dufite icyizere.

- Muri Unity Club ni ahantu twongeye gusobanukirwa ko u Rwanda ari umutamenwa. Ni ingobyi iduhetse, idukwiriye twese, kandi dutuyemo dutuje.

- Ni urumuri rutumurikira kugira ngo tutayoba.

- Undi mwihariko ni uko twiga dukora, tugakora twiga. Ibyo twize bitubera impamba idufasha gushishoza mu byo dukora, mu mvugo, mu myitwarire, mu mikorere, no mu mitekerereze.

- Ikidasanzwe twungukiye muri iri shuri ni indangagaciro na kirazira twigishijwe bigomba kuturanga aho twaba turi hose, mu buryo bwose. Ni twebwe barinzi b'igihango cya Ndi Umunyarwanda, ni twebwe ababyiruka bareberaho.

Dukomeze kurinda icyo gihango.

- Ariko kandi, tugomba guhangana n'ibikitwugarije. Inyigisho z'abakoloni ntaho zagiye, ahubwo zahinduriwe amazina. Dukwiye gutinyuka, tugasesengura iyo mitekerereze, hato tutazamira ubumara bwiyorobetse nk'ubumenyi. Ni kenshi tubona Abanyafurika bahabwa urubuga rwo

kwitesha agaciro aho guharanira uburenganzira bwabo. Ni gute uwagukandamije ari nawe wategaho amakiriro?

- Kuki twakomeza kwemera ko Afrika ifatwa uko? Kuki identity yacu igomba kuba ishingiye ku bitagenda neza gusa? Kuki twumva ko intebe yacu mu ruhando rw'amahanga tuyihabwa ari ko tuvuze intambara, amacakubiri n' ubukene gusa?
  Ese ni wo murage twifuza kuzibukirwaho? Ese ni iki kitubuza kurata ibigwi byose twagezeho?

Banyamuryango, Batumirwa Bacu,

- Twange byimazeyo guhabwa uwo mwanya twahariwe w'indushyi z'isi. Kubaho kwacu ntabwo bigenwa n'impuhwe rubanda batugirira. Dufite inshingano zo guhesha isura twifuza uyu mugabane wacu: Mu miyoborere twimakaza, mu nzozi turota, mu bihangano duhimba, no mu myigishirize y'amateka yacu. Uwo niwo murage mwiza abana bacu bakwiye.

- Ntituri mu ntambara ndetse nta n'igikuba cyacitse! Ariko tugomba guhora dukurikira, tureba ibigambiriye gusenya ubumwe bwacu no kunyeganyeza agaciro kacu. Icyago twagira cyaba kurangara no kureka imitekerereze n'imvugo z'amacakubiri bigira aho bipfumurira!

- Wa mugani uvuga uti: ugutiza umuhoro ngo uteme ishami ry'igiti wicayeho, aba yigaramiye aguseka, iyo uhanutse!

- Muri iki gihe, kubiba amacakubiri bisa nk'ibigezweho. Abaduhaye igihugu ntibahungabanyijwe n'uburemere bw'urwango basanze! Bahisemo kubaka ingabo y'ubumwe idukingira nk'ikimenyetso cy'ubudahangarwa!

- Kuri uyu mugabane wacu, utarigeze ugira abimukira benshi bazana amatwara yandi, ni kuki urusobe rw'imico yacu rukoreshwa nabi mu kudutanya, aho guhabwa umwanya ngo rutwigishe byinshi byiza biyivamo.

- Ni kuki iwabo bimika intekerezo, iwacu bakadutsindagira ingengabitekerezo?

- Ni nde rero wungukira mu isenyuka ry'ibihugu byacu?

- Ni nde ubyungukiramo igihe jye na we dusenyanye, tugasenya ibyacu n'abacu?

Banyamuryango, Batumirwa bacu,

- Unity Club ni ikigega, ni indorerwamo byacu. Iyo winjiye aho uhunika umenya uko uhagaze, uwo uri we, n'aho wifuza kugera. Itwibutsa gusubiza amaso inyuma, ibyo twize bikamurikira urugendo rwacu.

- Kuko burya kuba Umunyarwanda si inyito gusa. Ni icyemezo ntakuka cya buri munsi!

- Ni ukwiyemeza guhagarara wemye, ugakomera ku kuri, kubaho kwacu, n'agaciro kacu, kandi ntawe dupfukamira cyangwa twunamira kugira ngo tubeho.

- U Rwanda ntacyo rutwima, ikaze na none Ntwararumuri nshya mudusanze, dukomeze kwema, u Rwanda rweme.

- Murakoze, mbifurije kugira ihuriro ryiza!

Repubulika y'u Rwanda

**Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu**

# IGIPIMO CY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025

**Dr. Jean-Damascène BIZIMANA**

Minister of National Unity & Civic Engagement

**Itariki: 08/11/2025**

www.minubumwe.gov.rw info@minubumwe.gov.rw

# IGICE CYA MBERE : AHO U RWANDA RWAVUYE. POLITIKI YA GATANYA MBERE YA 1994



## USHIZE IMPUMPU YIBAGIRWA ICYAMWIRUKANKANAGA(ICYAZIMUTEYE)

Ingero 2

**Uburezi: Tariki 1/8/1973**, Habyarimana yatangaje gahunda ya Leta y'uburezi: "***Kwemererwa kwinjira mu mashuri yisumbuye bizajya bikurikiza ubwoko n'Uturere." Bivuze ko ubuhanga ntacyo bumaz***e.

**1/7/1982**, Habyarimana isabukuru y'imyaka 20 y'ubwigenge : ***"Tumaze kubona ubwigenge, abategetsi b'u Rwanda basanze ari ngombwa gusubira muri politiki yerekeye uburezi bw'igihugu. Politiki nshya igamije mbere na mbere kwigisha no kujijura RUBANDA NYAMWINSHI."***

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994

## Imiyoborere y'igihugu

Nyakanga 1990, Leta yatangaje ***"Raporo y'iperereza rigamije kumenya uko Abanyarwanda babona imiterere ya politiki mu gihe gishize, muri iki gihe no mu gihe kizaza".***

- Abantu babajijwe hakurikijwe ibyiciro by'umwuga, imyaka, imibereho, igitsina, perefegitura, aho abantu batuye (mu mujyi cyangwa icyaro).
- Mu rwego rw'imirimo cyangwa imyuga habajijwe abahinzi, abanyeshuri, abarimu, abakozi ba Leta n'abo mu bigo byigenga, abanyapolitiki, abikorera, abanyamadini n'abasirikare. Murumva ko ibyiciro byose bihagarariwe.

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994

## Amahoro n'umutekano

**92.6% :** mu Rwanda hari amahoro

**91.2%** nta mutekano uhari.

**Impamvu**

- **96%** bemeje ko mu gihugu hari inzara.
- **87.6%** ubucamanza bukora nabi: ruswa n'abacamanza badashoboye.
- **7.4%** bifuje "gusubiza gacaca agaciro kayo".

**Mu bindi bitera umutekano muke:**

- **61.6%** bemeje ko abanyarwanda "batareshya imberey'amategeko."
- **89.8%** "ruswa yahawe intebe" mu nzego zose.
- **11.2%** "ruswa idashobora gucika".
- **58.8%** "nta kwishyira ukizana biri mu gihugu"
- **20.4%** barifashe.

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994



## Ikibazo cy'impunzi

- **69%** bavuze ko "Impunzi zaguma aho ziri zigahabwa ubwenegihugu".
- **11%** "abashobora kwitunga bagakora indi mirimo itari iy'ubuhinzi bagaruka" mu Rwanda.
- **10.2%** "ababishaka bagaruka".
- **2.4%** "babimurira mu bindi bihugu bifite ubutaka".
- **2.4%** "imiryango mpuzamahanga n'ibihugu izo mpunzi zirimo" bafasha u Rwanda "gukemura icyo kibazo".
- **0.6%** ntibazi ko hari ikibazo cy'impunzi u Rwanda rwari rufite.
- **2.4%** badafite igitekerezo na kimwe kuri icyo kibazo cy'impunzi.
- **2%** barifata.

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994

- **84.8%** ni abatarashakaga ko Abanyarwanda bahunze bagaruka mu gihugu cyabo. Babivanaga kuri Politiki ya Leta yari mu mategeko yabuzaga impunzi gutahuka, kwigabiza imitungo yazo.

- Repuburika ya 1: Iteka rya Perezida N° 25/01 ryo kuwa 26/02/1966 ryerekeye impunzi ***ryashyiraga amananiza ku itahuka ry'impunzi rikanagena kwigabiza imitungo yazo.***

- Repuburika ya 2: Iteka rya Perezida ryo kuwa 25/10/1973 ryabisubiyemo

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994

- **Gicurasi 1975**, Amabwiriza ya Minisitiri w'ubutegetsi bw'igihugu yategetse ba Burugumesitiri ko gutanga **ibintu byose byasizwe n'impunzi bitarenze** ukwezi kwa **nyakanga 1975**

- **19 Ugushyingo 1982**, Ijambo rya Perezida Habyarimana yageneye abanyarwanda, avuga ko abanyarwanda benshi birukanywe Uganda bazasubizwa aho bavuye kuko ngo bose atari Abanyarwanda

- **26 Nyakanga 1986**: Icyemezo Komite Nyobozi MRND: nta bushobozi u Rwanda rufite bwo kwakira no gutuza impunzi zarwo. Nibahame mu mahanga batureyo.

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994

## Ubwoko

- **59.2%** bemeje ko umunyarwanda akwiye gukomeza kurangwa n'ubwoko, bikanashyirwa mu bimuranga bye.
- **39.2%** si ngombwa;
- **1.6%** barifata.

Uko abantu babyemeje hashingiwe ku byiciro:

- **58%** abiga n'abize amashuri yisumbuye, amakuru na kaminuza
- **41.6%** abakozi ba Leta
- **50%** abanyamadini
- **38%** abakozi bo mu bigo byigenga
- **45.8%** abikorera
- **32.3%** abahinzi-borozi
- **44.1%** abarimu
- **28%** abasirikare

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994

## Imyaka y'ababajijwe

01 — hagati ya 18-28, **49%** bavuze ko gushyira amoko mu bibaranga atari ngombwa.

02 — hagati ya 29-45 ababyemeje batyo bari **37.7%**

03 — Abari hejuru y'imyaka 46 bari **28%**.

04 — **43%** y'abatuye mu mujyi n'abo mu cyaro **36.6%**.


05 — Mu busumbane bw'imibereho, **44.9%** bo mu rwego rwo hejuru ntibabona akamaro k'amoko mu bibaranga. Abo mu rwego rwo hagati bari **44.2%** naho mu rwego rwo hasi ari **34.5%**.

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994

Kuba hari Abanyarwanda bato **(49%)** n'abajijutse (**44.9%**) bari batangiye kumva ko amoko atari ngombwa mu bibaranga bisobanura ko

- babonaga ko nta nyungu babona mu buhutu, ubutwa n'ubututsi.
- Ko ejo hazaza habo hari mu bunyarwanda.
- Habuze ubushake bwa Leta bwo kubikemura.

# IMYUMVIRE K'UBUMWE MBERE YA 1994




## Umwanzuro waho u Rwanda rwavuye

- Ese byari gushoboka ko politiki yubakiye ku irondabwoko yari mu Rwanda guhera 1959 - 1994 ihinduka mu gihe hari abanyarwanda **72.1%** b'ibyiciro byose n'abasirikare **72%** bayishyigikiye? **OYA**.

- Habaye aha FPR-Inkotanyi yabirwanyije, kuva igishingwa muri Kongere ya mbere yo kuwa 25-28 Ukuboza 1987, bikaba byarashyizwe muri Gahunda zose z'ubuzima bw'igihugu kuva Jenoside yakorewe Abatutsi ikimara guhagarikwa kugeza ubu.

# IGICE CYA KABIRI: IMITERERE Y'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025

Igipimo cy'Ubumwe n'Ubwiyunge




- Cyatangiye **2010**
- Gikorwa buri myaka **5**
- **2010-2025** cyazamutseho **13%**

# INCAMAKE

**Umwihariko w'Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025**

**a** Cyongewemo ingingo y'Ubudaheranwa itari mu bipimo byo mu myaka yashize.

**b** Inkingi y'Ubudaheranwa yasuzumwe kuko ari ishingiro ry'Ubumwe n'Ubwiyunge.

# INCAMAKE

## Umwihariko w'Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda 2025

C


Hongewemo ibyiciro bishya bishingiye ku bibazo binini byagaragaye mu myaka 5 ishize:

1. Ihohoterwa ry'abacitse ku icumu
2. ingengabitekerezo ya jenoside ku mbuga nkoranyambaga
3. amadini n'imiryango ishingiye ku myemerere
4. imyitwarire mu rubyiruko
5. ibikomere bishingiye ku mateka.


# UBURYO BWIFASHISHIJWE

**Ubushakashatsi bwahuje amakuru ashingiye ku mibare n'ashingiye ku bisobanuro**


## Uburyo bushingiye ku mibare:




# UBURYO BWIFASHISHIJWE




# ABAKOREWEHO UBUSHAKASHATSI




# ABAKOREWEHO UBUSHAKASHATSI



# ABAKOREWEHO UBUSHAKASHATSI



# IGIPIMO CY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025 (95.3%)




Igipimo cy'Ubumwe bw'Abanyarwanda mu mwaka wa 2025 ni **95.3%.** Kuva muri 2010, Ubumwe n'Ubwiyunge bw'Abanyarwanda bwiyongereyeho **13%**.

# INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA KU NKINGI Y'UBUMWE

- **100%** Bemeje ko baterwa ishema no kuba Abanyarwanda, banemeje ko Ikinyarwanda ari inkingi ya mwamba ibumbatiye Ubumwe bw'Abanyarwanda.
- **98%** Bemeje ko hari ubushake bwa politike bwo kubaka Ubumwe mu Banyarwanda.
- **98%** Bemeje ko baterwa ishema cyane n'intwari zitangiye Igihugu zihagarika Jenoside yakorewe Abatutsi.

# INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA KU NKINGI Y'UBUMWE

- **98%** Bemeje ko gahunda z'uburere mboneragihugu nk'Itorero na Ndi Umunyarwanda zifite akamaro mu kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda.
- **98%** Bemeje ko Jenoside yakorewe Abatutsi yateguwe.
- **97%** Bemeje ko ubunyarwanda busumba ikindi cyose umuntu yakwibonamo, kandi bufite uruhare runini mu kubumbatira Ubumwe mu benegihugu.

# INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA KU NKINGI Y'UBUMWE

**97%** Bemeje ko ubuyobozi buriho ubu mu Rwanda bureberera bose, nta vangura rishingiye ku bwoko, bashyigikira ko umuyobozi ari uwa rubanda, ko nta bwoko agira.


**96%** Bemeje ko kwigisha amateka bibumbatira ihame ry'Ubumwe mu Banyarwanda

**93%** Bemeje ko Abanyarwanda bose bahabwa amahirwe angana ku byiza by'Igihugu.


# INGINGO MWIHARIKO ZAGARAGAJWE KO ZASHEGESHE UBUMWE BW'ABANYARANDA

- **93%** — Bemeje ko mu ntangiriro y'isenyuka ry'Ubumwe bw' Abanyarwanda, amashyaka APROSOMA na PARMEHUTU ariyo afite uruhare rwo kwimika irondabwoko, ivangura n'amacakubiri.
- **93%** — Bemeje ko ishyaka MRND ryari ku butegetsi kugeza 1994 ryagize uruhare mu gusenya Ubumwe bw'Abanyarwanda.
- **93%** — Bemeje ko intiti (abize, injijuke), bagize uruhare mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi.
- **88%** — Bemeje ko urubyiruko rwagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi.


# IGIPIMO CY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025 (95.3%)



# IGIPIMO CY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025 (95.3%)



# IGIPIMO CY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025 (95.3%)



# UBWIYUNGE: INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA

## Inkingi y'Ubwiyunge

- **99%** Bemera ko Abanyarwanda aho batuye basabana kenshi kandi babikora batitaye ku nkomoko yabo.
- **99%** Bemeje ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi bifite uruhare rukomeye mu kubaka Ubwiyunge mu Banyarwanda.
- **98.5%** Banyuzwe nuko babana mu muryango nyarwanda mugari.
- **97%** Bemera ko itangazamakuru ryo mu Gihugu rigira uruhare mu kubaka Ubwiyunge bw' Abanyarwanda

# UBWIYUNGE: INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA

- **95%** Bemera ko abafunzwe bazira icyaha cya jenoside yakorewe Abatusi bakarangiza ibihano bisanga mu muryango nyarwanda nta kubishisha.
- **95%** Bemeje ko amakuru kuri Jenoside yakorewe Abatutsi yatanzwe mu Nkiko Gacaca mu buryo bushimishije.
- **94%** Bemeje ko ibimina bigira uruhare mu Bwiyunge ko kandi kuba umunyamuryango bidashingira ku nkomoko
- **94%** Bemeje ko aho batuye, abaturage bagira uruhare mu bikorwa na gahunda bigamije kubanisha Abanyarwanda neza.

# UBUDAHERANWA: INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA KO ZIBAFASHA KUDAHERANWA N'IBIKOMERE BY'AMATEKA MABI

Ubudaheranwa nk'inkingi fatizo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, igipimo rusange cyabwo gihagaze kuri **90.8%**



- **99.1%** — Bemeje ko imiterere y'ubuyobozi buri mu Rwanda idaheza Abanyarwanda.
- **99%** — Bemera ko ingamba z'ubukungu z'igihugu zizirikana ibyiciro by'imibereho bitandukanye by'Abanyarwanda kandi zidaheza.
- **98.6%** — Bemeje ko u Rwanda rwimakaza umuco w'ibiganiro, gukemura amakimbirane no gufata ibyemezo binyuze mu bwumvikane.
- **98.1%** — Bemeje ko abaturage bahagarariwe mu nzego zifata ibyemezo kandi bazibonamo.

# UBUDAHERANWA: INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA KO ZIBAFASHA KUDAHERANWA N'IBIKOMERE BY'AMATEKA MABI


## Inkingi y'Ubudaheranwa

Ubudaheranwa nk'inkingi fatizo y'Ubumwe n'Ubwiyunge, igipimo rusange cyabwo gihagaze kuri **90.8%** .

- **97.8%** Bemeje ko Igihugu kigendera ku mategeko aboneye n'ubutabera buhabwa abaturage nta vangura.
- **97.8%** Basanga indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda ari inkingi y'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda
- **87.2%** Bemeje ko isaranganya ry'ubutegetsi nk'uko bikorwa na leta y'u Rwanda ari kimwe mu bifasha Abanyarwanda kwiyubakamo Ubudaheranwa.
- **87%** Bemeje ko Abanyarwanda bahabwa amahirwe angana mu Bukungu no mu ishoramari


## UBUDAHERANWA: INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA KO ZIBAFASHA KUDAHERANWA N'IBIKOMERE BY'AMATEKA MABI

Ishusho y'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda muri buri Karere




## UBUDAHERANWA: INGINGO MWIHARIKO ABANYARWANDA BASHIMA KO ZIBAFASHA KUDAHERANWA N'IBIKOMERE BY'AMATEKA MABI

Ishusho y'Ubudaheranwa bw'Abanyarwanda muri buri Ntara n'Umujyi wa Kigali



# IBIPIMO BIGARAGAZA KO U RWANDA RWATEYE INTAMBWE IHAMYE MU RUGENDO RWO KUBAKA UBUMWE

## Byinshi mu bipimo byo muri 2020 byarazamutse muri 2025



# IBYAGARAGAYE BISHINGIYE KU MATEKA BYAFASHA URUBYIRUKO MU BUDAHERANWA

## A. Ibiri ku kigero cy'Ubudaheranwa biha icyizere urubyiruko

01 — **100%** b'abakuru n'ab'urubyiruko bemera ko kuba Abanyarwanda bose bavuga Ikinyarwanda ari inkingi ihamye y'ubumwe bwabo.

02 — **99%** bemera ko Abanyarwanda bagirana ubucuti batitaye ku mateka ya buri wese.

03 — **98.7%** bemera ko ubutwari no gukunda igihugu bigaragara nk'inkingi ya mwamba y'ubumwe bw'Abanyarwanda.

04 — **96%** by'abakuru bemera ko abafunzwe bazira icyaha cya jenoside yakorewe Abatutsi iyo bagarutse bisanga mu muryango nyarwanda nta kubishisha kandi bagafashwa gusubira mu buzima busanzwe. **93%** mu rubyiruko nibo babibona batyo.

# IBYAGARAGAYE BISHINGIYE KU MATEKA BYAFASHA URUBYIRUKO MU BUDAHERANWA

## A. Ibiri ku kigero cy'Ubudaheranwa biha icyizere urubyiruko

05 — **95.6%** bemera ko ubumwe bw'Abanyarwanda atari igitekerezo gusa, ahubwo ari ihame ryamaze kwiyubaka.

06 — **95%** bemera ko bakwitangira igihugu ndetse bakanagipfira ku nyungu z'Abanyarwanda biramutse bibaye ngombwa.

07 — **93%** bemera ko Abanyarwanda bahabwa amahirwe angana mu gusangira ibyiza by'igihugu hatitawe ku hantu bakomotse.

# IBYAGARAGAYE BISHINGIYE KU MATEKA BYAFASHA URUBYIRUKO MU BUDAHERANWA

## B. Ibyo urubyiruko rukwiye kwigiraho no gufatira ingamba

1. **93%** bemera ko abari intiti cyangwa injijuke aribo bagize uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi kurusha abandi baturage.
2. **88%** bemera ko abari urubyiruko aribo bagize uruhare mu itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa rya Jenoside yakorewe Abatutsi kurusha abandi baturage.
3. **81%** b'urubyiruko bemera ko ubukoloni bw'Ababiligi aribwo bwateye ibibazo byashenye ubumwe bw'Abanyarwanda. **92%** mu babyemera batyo ni abize Kaminuza n'amashuri makuru.
4. **75%** bemera ko amadini mvamahanga yagize uruhare mu gusenya ubumwe bw'Abanyarwanda.

# IBYAGARAGAYE BISHINGIYE KU MATEKA BYAFASHA URUBYIRUKO MU BUDAHERANWA

## B. Ibyo urubyiruko rukwiye kwigiraho no gufatira ingamba

5 **70%** bemeza ko ingengabitekerezo ya jenoside, guhakana ndetse no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi bitagaragara mu gace batuyemo; **28%** b'urubyiruko bakemeza ko ihari.

6 **68%** by'ababajijwe bemera ko imbuga nkoranyambaga (nka WhatsApp, Youtube, X n'izindi) zo mu gihugu zigira uruhare mu kubaka Ubwiyunge bw'Abanyarwanda.

7 **40%** basanga imbuga nkoranyambaga zo hanze y'igihugu zitubaka ubwiyunge bw' Abanyarwanda, **30%** bemera ko imbuga nkoranyambaga zo hanze y' igihugu zigira uruhare mu kubaka ubwiyunge bw' Abanyarwanda, 2**9%** ntacyo babiziho.

# IGIPIMO CY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025 (95.3%)

## Ibyavuye mu bushakashatsi bikwiye kwitabwaho

- **.23%** bemeje ko ingengabitekerezo ya jenoside ikigaragara mu duce batuyemo.
- **38%** bemeje ko hari abakoze ibyaha bya jenoside, bagitsimbaraye ku ngengabitekerezo y'irondabwoko n'ivangura.
- **40%** basanga imbuga nkoranyambaga zikorera hanze y'igihugu zitagira uruhare mu kubaka Ubwiyunge bw'Abanyarwanda.
- **34%** by'abakuru bemejeko abarangije ibihano bagasubira mu muryango nyarwanda bagitsimbaraye kurwango
- **32%** ntacyo bazi ku nshingano mboneragihugu

# IGIPIMO CY'UBUMWE BW'ABANYARWANDA 2025 (95.3%)

## Ibyavuye mu bushakashatsi bikwiye kwitabwaho

**45.1%** bemeje ko hakiri ibikomere mu barokotse Jenoside yakorewe Abatutsi. Iki gipimo gifitanye isano n'ibyagaragajwe n'ubundi bushakashatsi bwabanje mu myaka yashize. Urugero nk'ubushakashatsi bwakozwe na Unity Club Intwararumuri muri 2023 ku nkurikizi za Jenoside yakorewe Abatusi mu rubyiruko, bwerekanye ko gukira ibikomere bikiri ku gipimo cyo hasi cya **31%** mu rubyiruko rwarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi

# IMYANZURO NAMA

1. Gushimangira no kwagura gahunda yo kwigisha urubyiruko indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda, amateka y'igihugu n'ururimi rw'Ikinyarwanda rubumbatiye ubumwe bw'abenegihugu

2. Gukangurira urubyiruko kugira uruhare ruhoraho mu bikorwa bigamije kubaka Ubumwe bw'Abanyarwanda, bahereye mu miryango yabo, aho batuye n'aho bakorera.

## IMYANZURO NAMA

3. Gukomeza gahunda zo kwimakaza Ubumwe bw'Abanyarwanda zirwanya ingengabitekerezo ya jenoside, harimo Ndi Umunyarwanda n'ibiganiro mu nzego zose, byigisha ukuri kw'amateka, hibandwa cyane ku nyigisho zitesha agaciro kwibona mu moko, mu idini, akarere no mu byonnyi byose bisenya Ubumwe bw'Abanyarwanda.

4. Gushyira imbaraga muri gahunda zimenyekanisha ukuri kw'aho Igihugu kigeze cyiyubaka, hagatangwa amakuru nyayo hakoreshejwe imbuga nkoranyambaga zitanga amakuru nyakuri n'inyigisho ziboneye.

## IMYANZURO NAMA

5. Gushyira imbaraga mu ngamba zihoraho zo kwigisha Abanyarwanda bari mu mahanga gahunda nziza z'Ubumwe ziri mu Gihugu, gutegura no gukwirakwiza imfashanyigisho zibagenewe zijyanye n'igihe u Rwanda rugezemo.

6. Kunoza ihererekanyamakuru n'ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba ku makimbirane yo mu miryango n'impamvu ziyatera, amakuru akamenyekana ku gihe, kandi ingaruka zayo zigakumirwa uko bishobotse kose.

# IMYANZURO NAMA

7. Kunoza imikorere y'Itorero ryo ku Mudugudu, mu mashuri no mu zindi gahunda zegerejwe abaturage kugira ngo indangagaciro na kirizira z'umuco nyarwanda zijye mu buzima bwa buri munsi bw'abaturage.

8. Gushimangira gahunda ya Mvura Nkuvure, ifasha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bagifite ibikomere.

# IMYANZURO NAMA

9 Gushyira imbaraga mu biganiro bihuza ibyiciro byose by'abaturage mu nzego z'ibanze, hitabwa ku gushishikariza ababyeyi kwemera ukuri kw'amateka mabi yaranze u Rwanda no kubwiza abana ukuri ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi n'uruhare rwabo ku bayikoze, kwita ku mwihariko wa gahunda zihuza abishe n'abiciwe, himakazwa umubano ushingiye ku budaheranwa.

# GAHUNDA Y'ISHYIRWAMUBIKORWA RY'IBYEMEZO NGIRO BY'IHURIRO RYA 18 RYA UNITY CLUB INTWARARUMURI

Ihuriro rya 18 rya Unity Club Intwararumuri ryafashe ibyemezongiro 6. Imbonerahamwe ikurikira iragararaza ibyemezo ngiro, ibikorwa, abazabigiramo uruhare, n'igihe bizakorerwa.

## ICYEMEZO NGIRO CYA 1:

Kongera imbaraga mu kwandika, kubika no kwigisha amateka y'ukwiyubaka k'u Rwanda n'ibisubizo twishatsemo, hagamijwe kumenyekanisha no guhamya ukuri kw'aho Igihugu cyavuye, aho kigeze n'aho kigana kugirango uwo murage ubungabungwe, ugirwe icyitegererezo cy'u Rwanda rw'ubu kandi ube umusingi w'ubudaheranwa ku bisekuru bizaza.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYA-BIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 1. Gukusanya no kumenyekanisha inyandiko n'ubushakashatsi ku rugendo rwo kwiyubaka k'u Rwanda (mu miyoborere myiza, imibereho, ubukungu n'ubutabera) nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi no gushyiraho ahantu hihariye zihurizwa . | MINUBUMWE | Kaminuza n'Amashuri makuru n'ibigo by'ubushakashatsi<br>NISR<br>RCI<br>CSOs | Nyakanga 2026 –Kamena 2027 |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 2. Gushishikariza abashakashatsi n'urubyiruko kwandika no kumenyekanisha ibisubizo u Rwanda rwishatsemo nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi | MINEDUC<br>MINUBUMWE | MoYA<br>Ibigo by'Ubushakashatsi<br>RGB<br>CSOs | Guhera muri Mutarama 2026 |
| 3. Kwegeranya mu nyandiko no mu mashusho amateka y'Intwaza zatujwe mu ngo z'Impinganzima | MINUBUMWE | MINALOC<br>UNITY CLUB<br>AVEGA, IBUKA<br>AEGIS TRUST | Guhera muri Mutarama 2026 |

## ICYEMEZO NGIRO CYA 2:

Gukomeza kunoza ireme ry'ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda no kurushaho kubikora mu nzego zose z'Igihugu no mu banyarwanda baba mu mahanga ku buryo buhoraho, bikatubera ishuri twigiramo amateka yaranze Igihugu cyacu, urubuga rwo komora ibikomere n'isoko yo kwimakaza igihango cy'Ubunyarwanda dufitanye, bikaba umurage ku babyiruka.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYA-BIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 1. Kongerera ubumenyi n'ubushobozi abayobora ibiganiro bya Ndi Umunyarwanda mu byiciro byose | MINUBUMWE | Inzego za Leta (ku rwego rw'Igihugu)<br>Inzego z'ibanze<br>CSOs<br>FBOs<br>PSF | Guhera Mutarama 2026 |
| 2. Gutegura no gukurikirana imitangire y'ibiganiro ngarukagihembwe bya Ndi Umunyarwanda mu nzego zitandukanye | MINUBUMWE<br>UNITY CLUB | Inzego za Leta (ku rwego rw'Igihugu)<br>Inzego z'ibanze<br>CSOs<br>FBOs<br>PSF | Gutangira muri Nyakanga 2026 |

## ICYEMEZO NGIRO CYA 3:

Gukangurira Abanyarwanda mu byiciro byose gufata iya mbere mu kwerekana ukuri ku mateka no ku miyoborere y'u Rwanda, kwamagana no kuvuguruza imvugo zinyuzwa ku mbuga nkoranyambaga, zikwirakwiza urwango zisebya Igihugu n'abayobozi, kugoreka amateka, guhakana no gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi, zigambiriye gusenya ubumwe bwacu, zikagira ingaruka ku myumvire n'imitekerereze y'Abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYA-BIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 1. Gukora icyegeranyo gihoraho ku mvugo, imyitwarire n'ibindi bimenyetso by'urwango n'amacakubiri, n'ingamba zo kubikumira no kubirwanya | MINUBUMWE<br>MINIJUST | RIB,<br>NISS,<br>RNP | Igikorwa gikomeza |
| 2. Gutegura ibiganiro bigamije kuvuguruza no kugaragaza ukuri ku bivugwa n'ibitangazwa ku mbuga nkoranyambaga bigamije kuyobya no gusenya ubumwe bwacu | MINUBUMWE<br>MINAFFET | MoYA<br>MINEDUC<br>OGS<br>RBA | Igikorwa gikomeza |
| 3. Gushishikariza Abanyarwanda by'umwihariko urubyiruko gukoresha neza imbuga nkoranyambaga no gusubiza abaharabika u Rwanda | OGS | MINUBUMWE<br>MINAFFET<br>MoYA<br>MINEDUC<br>Itangazamakuru | Igikorwa gikomeza |
| 4. Gukumira no guhana abakwirakwiza amacakubiri, ingengabitekerezo ya Jenoside n'imvugo z'urwango ku mbuga nkoranyambaga | MINIJUST | RIB<br>RNP<br>RNPA<br>RMC | Igikorwa gikomeza |

## ICYEMEZO NGIRO CYA 4:

Gushishikariza abayobozi n'ababyeyi kwemera ukuri kw'amateka mabi yaranze u Rwanda, by'umwihariko amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi ntibatinye kuvuga ibyo bazi n'ibyo babonye mu rwego rwo kurinda ababyiruka gukurana umurage mubi w'amacakubiri n'ingengabitekerezo ya jenoside.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYA-BIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 1. Gutegura ibiganiro bihuza abakuru (abayobozi, ababyeyi) n'abato bakaganira ku kuri kw'amateka y'imiryango yabo n'Igihugu muri rusange | MINUBUMWE<br>Unity Club | MIGEPROF<br>MINEDUC<br>MINALOC<br>MoYA<br>CSOs<br>FBOs<br>ITANGAZAMAKURU | Igikorwa gikomeza |
| 2. Gushyira kuri gahunda z'ibiganiro bihuza abatuye Umudugudu (Umuganda, inteko z'abaturage, umugoroba w'umuryango, urugerero, intore mu biruhuko...) ibiganiro ku Amateka na Ndi Umunyarwanda | MINALOC | Inzego z'ibanze<br>MINUBUMWE | Igikorwa gikomeza |

## ICYEMEZO NGIRO CYA 5:

Kongera imbaraga mu bukangurambaga bugamije gushishikariza gutaha Abanyarwanda baheze mu buhungiro kubera kutagira amakuru y'ukuri ku bibera mu Gihugu cyabo no kubafasha gusubira mu buzima busanzwe;

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYA-BIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 1. Gukora ubukangurambaga bugamije gushishikariza abanyarwanda baheze mu buhungiro gutaha | MINEMA | MINALOC<br>RDRC<br>CSOs<br>FBOs<br>ITANGAZAMAKURU | Igikorwa gikomeza |
| 2. Gutegura ibiganiro bibakira binjiye mu Gihugu no gukomeza gukurikirana imibereho n'imibanire yabo bageze mu miryango | MINALOC | MINUBUMWE<br>MINEMA<br>RDRC<br>CSOs<br>FBOs | Igikorwa gikomeza |
| 3. Gushyigikira ibikorwa (initiatives) bibahuriza hamwe n'abandi baturage basanze mu muryango nyarwanda | MINALOC | Inzego z'ibanze<br>RCA<br>CSOs<br>FBOs<br>RDRC | Igikorwa gikomeza |

## ICYEMEZO NGIRO CYA 6:

Gushyiraho ingamba zifasha Urubyiruko kwakira no gukomeza umurage w'ubudaheranwa binyuze mu gukunda no guha agaciro umurimo, kumenya amahirwe Igihugu gitanga no kuyakoresha neza byose bigakorwa bishingiye ku mwihariko w'indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda.

| IGIKORWA | INZEGO BIREBA | ABAFATANYA-BIKORWA | IGIHE |
|---|---|---|---|
| 1. Gutegura ibiganiro bigenewe urubyiruko bigaruka ku butwari n'ubudaheranwa byaranze abanyarwanda mu bihe binyuranye by'amateka y'Igihugu cyacu | MINUBUMWE<br>Unity Club | MoYA<br>MINEDUC<br>MINALOC<br>MOD<br>REAF<br>Itangazamakuru | Buri kwezi<br>Guhera Mutarama 2026 |
| 2. Gukora ubukanguranga bugamije kumenyekanisha amahirwe ahari yafasha urubyiruko kwiteza imbere n'uburyo bwo kuyageraho | MIFOTRA<br>MoYA | MINICOM<br>(BRD, BDF)<br>RDB<br>PSF<br>RCA<br>Itangazamakuru | Igikorwa gikomeza<br>Guhera Mutarama 2026 |
| 3. Gushyigikira ibikorwa by'urubyiruko bigamije kwiteza imbere no guhanga udushya (amarushanwa, inkunga, imurikabikorwa...) | MoYA | MINICOM<br>MIFOTRA<br>PSF<br>FBOs<br>SCOs | Igikorwa gikomeza<br>Guhera Mutarama 2026 |